AMASEZERANO Y'IMPANO Y'INKA ZIHAWE ABOROZI MURI GAHUNDA YA GIRINKA

Mu rwego rwa Gahunda ya GIRINKA, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi igeza ku mworozi inka kandiikamusaba kuyorora neza kugirango izamugirire akamaro kandi izatange n'icyororo.Kubera ko iki gikorwa kigomba gukwira ku ngo zose zashyizwe mu cyiciro cy'izikennye mu rwegorw'Igihugu, umworozi wakiriye inka yiyemeza koroza inyana mugenzi we watoranijwe n'inzego zibishinzwe uri muri icyo cyiciro kandi witeguye, bityo akamugezaho na we icyororo. Niyo mpamvu y'aya masezerano agenga uko iyonka izafatwa n'uburyo kuziturira abandi bizakorwa, bityo n'icyororo kikazakomeza gukwira, gihereye ku bahawe inka bwambere.

Niyo mpamvu y'aya masezerano agenga uko izo nka zizafatwa uko ibizikomokaho bikoreshwa n'uburyo ziziturwa. Ayo masezerano ateye atya :

HAGATI YA:

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N' UBWOROZI (RAB),

NA: UMWOROZI .....
NUMERO Y'INDANGAMUNTU .....
AKARERE KA .....
UMURENGE WA.....
AKAGARI KA .....

HEMEJWE AMASEZERANO AKURIKIRA :

1.IBIREBA IKIGO

1.1 Ikigo RAB gihaye ku buryo bw'inguzanyo umworozi .....ubarizwa mu Ntara.....Akarere ka .....
Umurenge wa .....
Inka ifite umwirondoro ukurikira :
Izina .....
N° y'iherena ... .
Ubwoko .....
Ijanisha ry'amaraso .....
Yavutse tariki .....

1.2. Ikigo RAB cyemeye kunganira uyu mworozi gikurikirana inka ahawe mu birebana n'ubuzima bwayo n'imyororere ya kijyambere muri rusange.

1.3. Ikigo RAB cyemeye kwegereza umworozi serivisi zijyana no gutera intanga, gukingira indwara zibyorezo no guhora gishishikariye kumufasha guhesha agaciro umukamo.

2. <u>IBIREBA UMWOROZI</u>

2.1 Umworozi yiyemeje korora iyi nka ahawe mu nyungu z' abanyamuryango we.
2.2 Umworozi yemeye kuzoroza abandi baturage bakennye bari hafi ye atanga inyana yambere yavutse kuri buri nka yahawe. Inyana itangwa n' ifite hagati y'amezi 9 na 12 y'amavuko.

2.3 Umworozi yiyemeje kwishingira no kwita ku bijyanye n'imirire n'ubuzima bw'inka ahawe. Mu gihe bigaragaye ko iyo nka ifashwe nabi ku burangare bw'umworozi, aya masezerano ahita aseswa, Inka ikaba yatwarwa ahandi.

2.4 Umworozi yiyemeje kubaka ikiraro cya kijyambere, yiyemeje kandi guhinga ubwatsi buhagije kandi bw' ubwoko bwose kugirango inka zibashe kubona ubwatsi buvanze kandi bufite indyo zuzuye, yiyemeje kandi inka kuyororera mu kiraro gusa zikagaburirwa , kugira ngo zirindwe indwara zose zakwanduzwa no kuragirwa ku gasozi.

2.5 Mu gihe izi nka zirwaye , umworozi yihutira kubimenyesha Veterineri wemewe uhagarariye RAB mu Murenge cyangwa ku Ntara kugirango yitabweho kandi umworozi akishyura imiti yose ikoreshejwe.

2.6 Inka zigomba gukorerwa ibi bikurikira kugirango zirindwe ibyorezo cyangwa izindi ndwara :

- Kozwa kabiri cyangwa uko Veterineri asobanuye biturutse kubwoko bw'umuti mu cyumweru hakoreshejwe umuti wica uburondwe. Uwo muti wishyurwa n'Umworozi ;
- Guhabwa ibinini by'inzoka zo mu nda inshuro ebyiri mu bihe byambere yo kubyara ;
- Gukingirwa indwara hakurikijwe gahunda itangwa na Serivisi zishinzwe ubuzima bw'amatungo.

2.7 Kugira ngo izi nka zororoke kandi zizatange icyororo cyiza, umworozi yiyemeje kuzajya aziteza intanga z'ubwoko bwa kijyambere. Intanga zatewe zirihwa n'umworozi hakurikijwe igiciro kiriho.

2.8 Umworozi agomba kugira igitabo cya buri nka cyuzuzwamo ibyayikorewe byose igihe cyose, amata ikamwa n' ibindi byose ihambwa mu rwego rwo kwita ku mibereho myiza yayo.

3. IBINDI

3.1 Inka yegurirwa burundu umworozi wayihawe iyo amaze kwitura mugenzi we inyana y'ishashi izamufasha nawe kubona icyororo; kandi kirazira kugurisha inka wahawe muri Gahunda ya Girinka utabyemerewe n'Ubuyobozi.

3.2 Ibibazo byavuka hagati y'abarebwa naya masezerano , bikemurwa mu bwumvikane. Iyo binaniranye bishyikirizwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

Bikorewe i ....., tariki ya .....

UMWOROZI WAHAWE INKA **UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'UMURENGE WA**

....

UHAGARARIYE IKIGO RAB
Prof. Jean Jacques MBONIGABA MUHINDA